**Repubulika y'u Rwanda**
**Minisiteri ya Siporo**

**AMABWIRIZA MASHYA AGENGA IBIKORWA BYA SIPORO N'IMIKINO YO GUKUMIRA ICYOREZO CYA COVID-19**

Hashingiwe ku itangazo ry'Ibiro bya Ministiri w'Intebe ryo ku wa 17 Ukuboza 2021, rimenyesha ingamba nshya zo gukumira icyorezo cya COVID-19;

Minisiteri ya Siporo itangaje amabwiriza mashya akurikira atangira kubahirizwa guhera kuwa mbere tariki ya **20 Ukuboza 2021:**

1. Ibikorwa bya siporo y'umuntu ku giti cye n'izikorerwa hanze abantu bategeranye bizakomeza,
2. **Imyitozo y'amakipe ndetse n'amarushanwa bigengwa n'ingaga za siporo, ndetse n'ibikorwa by'imyitozo yigisha abakiri bato bitegurwa n'ingaga bizakomeza. Muri ibyo bikorwa nta bafana bemerewe kwinjira aho bibera.**
3. Ibikorwa bivuzwe haruguru bigomba kubahiriza ibikurikira:
    - **Abagize ikipe bose bagomba kuba barakingiwe COVID-19 mu buryo bwuzuye *(uretse abari munsi y'imyaka 18)*, kandi berekanye ko bipimishije COVID-19 mu gihe cy'amasaha 24 mbere yo kwitabira imyitozo cyangwa amarushanwa;**
    - **Nta muntu wemerewe kwinjira ahabera imyitozo cyangwa umukino keretse abakinnyi, abatoza, abayobora imikino, n'ababahagarariye;**
    - **Ahabera imyitozo n'amarushanwa hagomba gushyirwaho ingamba zo kwirinda icyorezo cya COVID-19,**
4. Amakipe y'Igihugu na Clubs ari mu mwiherero yitegura imikino mpuzamahanga yemerewe gukora imyitozo yayo. Iyi myitozo igomba kubera mu muhezo;
5. Ibikorwa by'imyitozo n'imikino y'amatsinda atarabigize umwuga, **bibaye bihagaritswe kugeza igihe hazatangarizwa andi mabwiriza;**

**AMABWIRIZA YO KUBUNGABUNGA UBUZIMA HIRINDWA ICYOREZO CYA COVID-19**

1. Kwambara neza agapfukamunwa mbere na nyuma y'imyitozo ni ngombwa. Mu gihe cy'imyitozo idasaba ingufu nyinshi nabwo ni ngombwa kwambara neza agapfukamunwa;
2. Kwitwaza imiti yo gusukura intoki mu gihe cyo gukora siporo no kuyikoresha igihe cyose bibaye ngombwa;
3. Kwitwararika mu kubahiriza intera ya metero 2 hagati y'abakora siporo n'imyitozo

ngororamubiri;

4. Abantu bagaragaza ibimenyetso bikurikira: ***inkorora, ibicurane no kwitsamura, umuriro, kuribwa umutwe,*** ntibemerewe gukorera imyitozo ngororamubiri mu ruhame, ahubwo bagomba kwegera inzego z'ubuzima.

**ICYITONDERWA MU BISABWA**

1. Ishyirahamwe rifite amarushanwa mpuzamahanga y'amakipe y'igihugu cyangwa clubs risaba uruhushya rwihariye rwo kwitegura no kwitabira ayo marushanwa.
2. Uturere dufite sitade (stadiums) zishobora kwifashishwa abaturage bakora siporo zo hanze ku bantu ku giti cyabo bategeranye, dusabwe gushyiraho uburyo bwo kuborohereza kuyihakorera, tugena amasaha bemerewe kuyihakorera, ndetse tugakurikirana ko ingamba zavuzwe haruguru n'izisanzwe zo kwirinda COVID-19 zubahirizwa;
3. Stade Amahoro izajya yakira abakora siporo mu muzenguruko wayo kandi bategeranye guhera 06.00am kugeza 7.00pm.

Bikorewe i Kigali, ku wa 18 Ukuboza 2021



Digitally signed by
Minisports(Minister
)
Date: 2021.12.18
18:53:38 +02'00'

**MUNYANGAJU Aurore Mimosa**
**Minisitiri wa Siporo**